UMURYANGO W'ABIBUMBYE
**Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha**

*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.*

# DISIKURU

**POROKIREI**

*(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT)*

Arusha, Lahe, 11 Ukuboza 2018

## Ijambo Bwana Serge Brammertz, Porokireri w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, yagejeje ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye i New York, tariki ya 11 Ukuboza 2018

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Mbashimiye uyu mwanya mumpaye kugira ngo mbagezeho ibyerekeranye n'ibikorwa by'Ibiro bya Porokireri w'Urwego Rwashyiriweho Gukora Imiromo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha.

Ibikorwa byacu n'ibyo twagezeho mu gihe kirebwa n'iyi raporo, ku byerekeranye n'ibintu bitatu by'ibanze twimirije imbere, bivugwa mu magambo arambuye muri raporo yanditse yanjye. Uyu munsi, nagira ngo nibande gusa ku bintu bike by'ingenzi.

Mu ikubitiro ariko, nagira ngo mbonereho umwanya wo gushima Perezida Meron uri hano no kumubwira ko Ibiro byanjye bimushimira cyane akazi yakoze.

Perezida Meron yayoboye IRMCT kuva muri Nyakanga 2012 ubwo IRMCT yashyirwagaho, akaba yarahaye urwo Rwego rwacu umurongo uboneye mu myaka yarwo ya mbere.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa

Ibiro byanjye bikomeje kwibanda ku kurangiza, nta kuzarira, imanza nke zo mu rw'iremezo n'izo mu bujurire zasizwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya.

Ku byerekeranye n'urubanza rwa Stanišić na Simatović mu rw'iremezo, rurimo kuburanishwa bundi bushya, mu gihe kirebwa n'iyi raporo, twarangije guhamagaza abatangabuhamya bacu bose, uretse umwe gusa. Ubu biteganyijwe ko umutangabuhamya wacu wa nyuma azumvwa muri Mutarama.

Ku byerekeranye n'urubanza rwa Karadžić mu bujurire, Ibiro byanjye byakomeje kuburana mu bibazo byinshi, birimo ibyifuzo byagiye bitangwa [n'Ubwunganizi] ku munota wa nyuma, bisaba ko Abacamanza bakurwa mu

rubanza. Twagejejweho ingengabihe nshya y'igihe biteganyijwe ko urwo rubanza ruzarangirira, bityo tukaba dutegereje isomwa ryarwo.
Ku itariki ya 29 Ugushyingo, nyuma gato y'uko igihe kirebwa n'iyi raporo kirangira, Ibiro byanjye byarangije gutegura imyanzuro y'ubujurire yanditse yacu, mu rubanza rwa Mladić, hakurikijwe ibihe ntarengwa byari byashyizweho n'Urukiko. Uretse kandi ako kazi, Ibiro byanjye byanaburanye mu bindi bibazo byo muri urwo rubanza, birimo n'ibyifuzo byagiye bitangwa [n'Ubwunganizi] bisaba gukura Abacamanza mu rubanza.

Tuzakomeza gufata ingamba ziri mu bubasha bwacu kugira ngo izo manza za nyuma zirangire bidatinze.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Indi nshingano y'insigarira ya IRMCT ni ukurinda umutekano w'abakorewe ibyaha n'uw'abatangabuhamya kandi, hashingiwe ku Ngingo ya 14 ya Sitati ya IRMCT, Ibiro byanjye bifite inshingano yo gukora iperereza ku cyaha cyo gusuzugura Urukiko no gukurikirana mu butabera abagikekwaho.

Ubu nagira ngo rero mbabwire ko, nyuma y'iperereza ryimbitse kandi ryakozwe mu ibanga, ryabaye umwaka ushize, ku itariki ya 14 Kamena 2018, Ibiro byanjye byatanze mu ibanga Inyandiko y'ibirego, yakorewe abantu batanu bakekwaho kuba barakoze ibyaha bitatu byerekeranye no gusuzugura Urukiko no guhamagarira abandi gusuzugura Urukiko.

Iyo Nyandiko y'ibirego yemejwe ku itariki ya 24 Kanama maze, ku itariki ya 3 Nzeri, Porisi y'u Rwanda, ifatanyije ku buryo bwa hafi n'Ibiro byanjye, yubahiriza neza inzandiko zo gufata zatanzwe na IRMCT.

Urwo rubanza ku cyaha cyo gusuzugura Urukiko, *Urubanza Porokireri aburana na Turinabo na bagenzi be*, rwakomotse ku isubirishamo ry'imikirize y'urubanza rwa Ngirabatware. Ibiro byanjye bivuga ko bane mu Baregwa bivanze, ku buryo butaziguye kandi bifashishije abandi bantu, mu buhamya bw'abantu batanze ubuhamya mu rubanza rwa Ngirabatware mu rw'iremezo, banivanga mu buhamya bw'abatangabuhamya bitezwe mu iburanisha ry'isubirishamo ry'imikirize y'urubanza ubu ririmo kuba. Tunarega kandi babiri mu Baregwa kuba baranyuranyije, babizi, n'Amategeko yo kurinda umutekano w'abatangabuhamya yatanzwe n'Urukiko.

Uko gusuzugura Urukiko byari bigamije gutuma Augustin Ngirabatware agirwa umwere ku byaha yahamijwe burundu kandi Abaregwa bakoze ibyo bashaka gupfobya ibyabaye muri jenoside.

Ibiro byanjye ntibyatangiye icyo gikorwa bigihubukiye, by'umwihariko bitewe n'uko cyatumye havuka akazi k'inyongera katumye abakozi bake n'ibikoresho bike dusanganywe birushaho kuba bike cyane.

Uko biri kose ariko, twiyemeje kurengera ku buryo bwuzuye ubusugire bw'imanza zaburanishijwe na TPIR, TPIY na IRMCT.

Ibiro byanjye birashaka gutanga ubutumwa busobanutse ko abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya bacu, bazarindirwa umutekano kandi ko tuzarwanya ikintu cyose gihakana jenoside uko cyaba kimeze kose.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Nk'uko nabibabwiye mbere, Ibiro byanjye byagiye bifata ingamba zikomeye bigamije gukaza umurego mu bikorwa byacu byo gushakisha no gufata abantu umunani basigaye batarafatwa, barezwe na TPIR.

Twavuguruye ikipe ishinzwe gushakisha abo bantu maze tunashyiraho uburyo bwo kujya tumenya guteganya ibigomba gukorwa mu kazi kacu. Ayo mavugurura yatumye habaho, by'igihe gito, kongera abakozi n'ibikoresho, kubera ko tuzi neza ko dufite igihe gito kugira ngo tube twagaragaje ko koko hari icyo byagezeho mu bikorwa byacu byo gushakisha abaregwa batarafatwa.

Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, ibikorwa by'ubutasi byakozwe mbere n'iperereza twakoze, byageze ku bintu umuntu ashobora kugenderaho akagira icyo ageraho.

Muri urwo rwego, mu ntangiriro z'uyu mwaka, nagiye i Harare gusaba abayobozi b'Igihugu cya Zimbabwe gufatanya natwe maze banyizeza ko biyemeje gukurikiza inshingano zo mu rwego rw'amategeko bafite ku rwego mpuzamahanga no kwitabira ibyo iyi Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi isaba ibihugu bigize uwo Muryango gukora.

Twashyizeho Itsinda ry'akazi duhuriyeho kugira ngo rijye rihuriza hamwe ibindi bikorwa by'iperereza rigamije gushakisha umwe mu bantu bahunze ubutabera uri muri Zimbabwe. Iryo Tsinda ry'akazi ryakoranye umurava cyane, ku buryo mu minsi ishize, riherutse kugeza indi raporo ku Biro byanjye, yerekena ko ubu hari amakuru ririmo gukurikirana atanga icyizere.

Nshingiye kandi ku makuru Ibiro byanjye byabonye, yemejwe n'Ibiro bya Porisi mpuzamahanga (INTERPOL) muri Afurika y'Epfo, muri Kanama natanze Icyifuzo cyihutirwa, nsaba ubufasha abayobozi b'Igihugu cy'Afurika y'Epfo.

N'ubwo twagiye twandika tukanibutsa kenshi, birababaje kuba nta gisubizo cyigeze gitangwa kuri ubwo busabe kandi nta n'ibindi bisobanuro twahawe. Ibiro byanjye byizeye ko Afurika y'Epfo, nk'igihugu kigiye kwinjira mu bigize Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, izafatanya na IRMCT uko bisabwa.

Kumenya aho abantu bashakishwa n'ubutabera baherereye no kubafata ni ikintu kiri mu byihutirwa kurusha ibindi mu Biro byanjye. Kugira ngo dushobore gusoza uwo murimo w'insigarira ku buryo bwihuse bushoboka, dukeneye cyane ubufatanye bw'ibihugu.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ku byerekeranye n'ibihugu byahoze bigize Icyahoze ari Yugosilaviya, Ibiro byanjye bibabajwe cyane n'uko muri ibyo bihugu hakomeje kurangwa ibikorwa byo gushimagiza abakoze ibyaha by'intambara no guhakana ko ibyo byaha, birimo na jenoside yakorewe i Srebrenica, byakozwe. N'ubwo Ibiro byanjye byagiye bisaba kenshi ko icyo kibazo cyahagurukirwa, ibyabaye mu gihe kirebwa n'iyi raporo byerekanye ko icyo kibazo kikiri ingutu.

Ubu bamwe mu bayobozi b'abanyaporitike bo muri ako karere barimo gukora ku buryo umurage w'amateka ya vuba aha yakwibagirana. Birababaje ariko kuba ingamba nziza zifatwa zibangamirwa n'amagambo adashyize mu gaciro, avugwa n'abayobozi bahakana ibyagaragajwe, ku buryo budashidikanywaho, n'inkiko mpuzamahanga maze bagafata nk'intwari abantu bakoze ibyaha binyuranyije bikomeye n'amategeko mpuzamahanga.

Kuba abasirikare barwanira igihugu cyabo bafite ishema, ntibigaragazwa no kwica abasivire, gutwika amazu, gusambanya abagore n'abakobwa ku gahato no gutoteza abaturage babaziza ubwoko cyangwa idini byabo. Ibihugu ntibishobora gufatanya kubaka ejo hazaza mu gihe bidafatanyije kwemera no kumva kimwe ejo hashize.

Mu Rwanda no mu Cyahoze ari Yugosilaviya, Ibiro byanjye byiyemeje gukoresha gahunda z'ubukangurambaga no kwibuka ibyabaye nk'uburyo bw'ingenzi bwo kurwanya ingengabitekerezo zishingiye ku ivangura, amacakubiri n'urwango.

Nk'uko mbivuga mu magambo arambuye muri raporo yanditse, ubufatanye mu rwego rw'ubutabera, ku rwego rw'akarere, hagati y'ibihugu byahoze bigize Icyahoze ari Yugosilaviya, ku bibazo byerekeranye n'ibyaha by'intambara, ubu buri ku rwego rwo hasi cyane ku buryo butigeze bubaho mu myaka yose ishize kandi bukomeje kurushaho kugenda buzamba.

Ubwo bufatanye ni ingenzi cyane kugira ngo abakorewe ibyaha, bo ku mpande zose, bashobore kurenganurwa. Muri iki gihe, akenshi cyane usanga abantu bakekwaho kuba barakoze ibyaha by'intambara babona ubwihisho mu bihugu bituranye n'ibyo baba bahunze, kubera ko abayobozi badafatanya.

Kuba ibikorwa byo ku rwego rw'akarere bigamije kurwanya ibyaha biteguwe bihuriweho, ruswa n'ibindi byaha bikomeye, bitanga umusaruro ushimishije, byerekana ko ubwo bufatanye tuvuga na bwo bushoboka. Ku byerekeranye n'ubufatanye bwo ku rwego rw'akarere ku byerekeranye n'ibyaha by'intambara, ikibazo gihari si ukubura ubushobozi, ahubwo ni ukubura ubushake.

Niba abayobozi bo muri ako karere bashishikajwe n'uko abaturage babo babona ubutabera nyabwo uko bikwiye, Ibiro byanjye birabasaba gufata ingamba zifatika zo gukemura icyo kibazo, zirimo no guhagarika ibyo kwivanga mu bikorwa by'ubutabera no kureka inkiko zigakora imirimo yazo nk'uko bigenda mu bihugu bigendera ku mategeko kandi hashingiwe ku bigenderwaho mu bihugu by'u Burayi.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Ingingo ya nyuma nagira ngo mvugeho ni iyerekeranye no gushakisha abantu bo mu Cyahoze ari Yugosilaviya baburiwe irengero.

Hari ibintu by'ingenzi byagezweho muri uru rwego kubera ko hari abantu nk'ibihumbi 25 bari baraburiwe irengero ubu babonetse kandi hakanamenyekana abo ari bo. Cyakora, birababaje kuba, kugera n'ubu, hari imiryango irenga ibihumbi icumi itazi uko byagendekeye abantu bayo yakundaga.

Mu butumwa mperutse kujyamo mu bihugu byahoze bigize Icyahoze ari Yugosilaviya, nakoranye amanama n'abahagarariye imiryango y'abantu baburiwe irengero. Kugera n'ubu, baracyafite intimba ikomeye baterwa no kuba batazi uko byagendekeye ababo babuze. Mu butumwa bwabo, nta kindi basaba buri wese muri twe uretse kurushaho gukora twivuye inyuma, tukarushaho gufatanya maze tukagarurira imiryango abantu bayo baburiwe irengero.

Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, Ibiro byanjye byakoze ibintu bikomeye bigamije gushimangira inkunga yacu mu gikorwa cyo gushakisha abo bantu baburiwe irengero. Twashyize umukono ku Masezerano y'ubufatanye hagati yacu na Komite mpuzamahanga y'Umuryango Utabara Imbabare wa Croix Rouge, hagamijwe guteza imbere ubwo bufatanye hagati yacu. Ayo Masezerano y'ingirakamaro azafasha Komite mpuzamahanga y'Umuryango Utabara Imbabare wa Croix Rouge kubasha kubona ibiri mu bubiko bw'ibimenyetso bwacu no kubona amakuru ashobora kuyifasha kumenya neza uko byagendekeye abo bantu baburiwe irengero kugera n'ubu, kimwe no kumenya aho baherereye.

Twakomeje kandi gufasha abayobozi b'ibihugu kubasha kubona inyandiko zacu no kubagira inama za gihanga. Mu mezi ashize, twasuwe n'intumwa za Komisiyo ishinzwe ibibazo byerekeranye n'Abaseribe baburiwe irengero, tunatera inkunga ikomeye, yo mu rwego rw'ibikorwa, Ikigo cya Bosiniya na Herizegovina gishinzwe ibibazo byerekeranye n'abantu baburiwe irengero.

Mu nama iherutse kubera i Londres, yari yateguwe n'u Bwongereza, Guverinoma zose z'ibihugu byo muri ako karere ziyemeje kongera imbaraga n'ubufatanye, no kwirinda ko icyo kibazo cyagirwa icya poritike. Kurushaho gutera intambwe muri urwo rwego, ni inshingano igomba kubahirizwa mu rwego rw'uburenganzira bwa muntu kandi ni ikintu cy'ingenzi kugira ngo hashobore kuba ubwiyunge mu Cyahoze ari Yugosilaviya. Abantu bishwe bo ku mpande zose zari zishyamiranye bagomba gushakishwa bakaboneka, imyirondoro yabo ikamenyekana maze bagasubizwa imiryango yabo.

Bwana Perezida, ba Nyakubahwa,

Mu kwanzura, nagira ngo mbabwire ko Ibiro byanjye bishishikajwe byimazeyo no kurangiza imirimo yacu isigaye neza kandi mu buryo bwihuse, harimo no gukora iperereza ku bantu bivanga mu buhamya bw'abatangabuhamya n'abasuzugura Urukiko, kimwe no kubakurikirana mu butabera.

Turajwe ishinga kandi no gufasha, twivuye inyuma, abayobozi b'ibihugu, gukomeza gushyira mu bikorwa ingamba zo gusoza imirimo ya TPIR na TPIY, kugira ngo umubare w'abantu bakorewe ibyaha barenganurwa urusheho kwiyongera.

Turashimira iyi Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi inkunga idahwema kudutera mu bikorwa byacu byose.

Mwakoze kuntega amatwi.

****

**Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha**
**Ibiro bya Porokireri**
Terefone.: +31 (0)70 512 5278
Dukurikire kuri Facebook, Twitter, YouTube, LinkedIn
www.irmct.org